


ICYEMEZO n° 04/2021/TB/BWS GITEGEKA UKURIKIRANWEHO ICYAHA KWITABA MU GIHE CY'UKWEZI



Umunsi wa 10 w'ukwezi kwa Gashyanare, umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri n'ibiri;

Twebwe **SIMUGOMWA Severin**, Umucamanza mu Rukiko rw'Ibanze rwa **BWISHYURA**, dufashijwe na **MPORWIKI Jean Marie Vianney**, Umwanditsi Mukuru y'urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko kuwa 18/05/2021 Ubushinjacyaha bwashyikirije Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura ikirego cyandikwa kuri numero **RP 00205/2021/TB/BWS**, burega **MUHAYIMANA VALENS** bumukurikanyeho icyaha cyo **gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake giteganywa** kandi kigahanishwa ingingo ya **121** y'Itegeko N°68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Tumaze kubona ko mu iburanisha ry'uru **RP 00205/2021/TB/BWS** ryo kuwa 10/02/2022, ubushinjacyaha bwashimangiye ko bwazwe **MUHAYIMANA VALENS** nk'uwatorotse ubutabera ndetse bikaba bigaragara mu nyandiko ikubiyemo ikirego cyabwo;

Dushingiye ku ngingo za 160, 161 na 162 z'Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **MUHAYIMANA VALENS** mwene **SINZAMUHUGA LAZARO** na **MUKAGATARE PASCASIE** utuye mu mudugudu wa **Kinanira**, akagari ka **Gitwa**, umurenge wa **Gihombo**, akarere ka **Nyamasheke**, intara y'**Iburengerazuba**; muri Repubulika y'u Rwanda; akaba akurikiranywe yaratorotse ubutabera, yitaba Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura kuwa 10/03/2022, i saa mbiri za mugitondo kugira ngo aburane, natitaba, hazemezwa ko yasuzuguye amategeko, urubanza rwe ruburanishwe.

Dutegetse ko mu gihe cy'iminsi umunani (8) iki cyemezo kikamanikwa ahabugenewe ku biro by'Urukiko rw'Ibanze rwa Bwishyura, Urubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga, ibiro by'Akagari ka **Gitwa**, umurenge wa **Gihombo**, akarere ka **Nyamasheke**.

NI UKO ICYEMEZO GIFATIWE MU BIRO BYACU KU ITARIKI YAVUZWE HEJURU

SIMUGOMWA Severin

PEREZIDA



MPORWIKI Jean Marie Vianney

UMWANDITSI MUKURU